REPUBULIKA Y'U RWANDA

SERIVISI ZA MINISITIRI W'INTEBE

GAHUNDA YA GUVERINOMA

Kigali, ku wa 07 Ugushyingo 2011



His Excellency Paul KAGAME, President of the Republic

Rt. Hon. Pierre Damien HABUMUREMYI,
Prime Minister

ABAMINISITIRI N'ABANYAMABANGA BA LETA

Hon. MUSONI Protais
MINICAAF

Hon. MUSONI James
MINALOC

Dr. KALIBATA Agnes
MINAGRI

Hon. KARUGARAMA Tharcisse
MINIJUST

Sheik HARERIMANA M. Fazil
MININTER

Hon. MITALI Protais
MINISPOC

Gen. KABAREBE James
MINADEF

Hon. KAMANZI Stanislas
MINIRENA

Hon. MUREKEZI Anastase
MIFOTRA

Hon. MUSHIKIWABO Louise
MINAFFET

Hon. RWANGOMBWA John
MINECOFIN

Hon. MUKARURIZA Monique
MINEAC

Gen. GATSINZI Marcel
MIDIMAR

Dr. GATARE Ignace
MINICT

Hon. INYUMBA Aloysia
MIGEPROF

Dr. BINAGWAHO Agnes
MINISANTE

Hon. KANIMBA Francois
MINICOM

Hon. NSENGIYUMVA Albert
MININFRA

Hon. TUGIRAYEZU Venantie
MINIPRESIREP

Dr. BIRUTA Vincent
MINEDUC

Hon. NSENGIMANA Jean Philbert
MINIYOUTH

Dr. HAREBAMUNGU Mathias
MoS-MINEDUC

Dr. NZAHABWANIMANA Alexis
MoS-MININFRA

Hon. ISUMBANGABO Emma Francoise
MoS-MININFRA

Dr. MUKABARAMBA Alvera
MoS-MINALOC

ISHAKIRO

INTANGIRIRO..... 11

I. IBIMAZE KUGERWAHO KUVA IYI MANDA ITANGIYE.....15
Mu miyoborere myiza 15
Mu butabera 16
Mu bukungu 17
Mu mibereho myiza y'abaturage 19

II. IBITEGANYIJWE KUGERWAHO 21

INKINGI YA I : IMIYOBORERE MYIZA 21
Imiyoborere myiza.....23
Ubukangurambaga 24
Amategeko agamije iterambere.....26
Umutekano n'ubusugire bw'Igihugu 26
Ububanyi n'amahanga 28
Iterambere ry'Urubyiruko 30
Iterambere ry'uburinganire bw'umugore n'umugabo 31
Iterambere ry'Imiryango itari iya Leta 32
Itangazamakuru 33

INKINGI YA II : UBUTABERA 35
Ubutabera muri rusange 37
Kurwanya Jenoside 39
Kurwanya akarengane na ruswa 40
Uburenganzira bwa muntu 41

INKINGI YA III : UBUKUNGU 43
Ubuhinzi n'ubworozi 45
Ubucuruzi, inganda n'ubukerarugendo 48
a) Mu bucuruzi 48
b) Mu rwego rw'inganda 49
c) Mu bukerarugendo 50
Ibikorwaremezo 51
Imiturire myiza 54
Iterambere ry'Abikorera, amakoperative n'ishoramari 55
Amashyamba, ibidukikije n'umutungo kamere 57
a) Gufata neza ubutaka 57
b) Amashyamba..... 58
c) Kwita ku bidukikije 58
d) Umutungo kamere 59

Ikoranabuhanga mu itangazamakuru, itumanaho n'isakazabumenyi 60

INKINGI YA IV :IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE 63
Guteza imbere umurimo 65
Ubuzima n'ubwiyongere bw'abaturage 67
Ubwiteganyirize 69
Kurengera abatishoboye 69
Imikino n'imyidagaduro 70
Uburezi, ubushakashatsi n'ikoranabuhanga 72
Umuco 75

UMWANZURO 77

INTANGIRIRO

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u RWANDA ryo ku wa 4 Kanama 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, mu ngingo yaryo ya 118, igika cya 3, Minisitiri w'Intebe ageza ku Nteko Ishinga Amategeko gahunda ya Guverinoma mu gihe kitarenze iminsi 30 atangiye imirimo ye. Ni muri urwo rwego, nishimiye kugeza ku Nteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi ndetse no ku Banyarwanda n'abandi bafatanyabikorwa muri rusange gahunda ya Guverinoma dufite inshingano yo gushyira mu bikorwa.

Mbere na mbere ndagira ngo mbanze nshimire Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul KAGAME, ku cyizere yangiriye anshinga umurimo wo kuba Minisitiri w'Intebe. Ndanashimira kandi Abanyarwanda bamugiriye icyizere bakamutorera kongera kuyobora u Rwanda indi manda ya kabiri y'imyaka 7 (2010-2017). Abanyarwanda bose bazi kandi ko imvugo ari yo ngiro iyo babona ibikorwa byinshi bitandukanye bimaze kugerwaho mu iterambere n'imibereho myiza y'abatuye u Rwanda dukesha ubuyobozi bwiza, ubuhanga n'ubwitange bwa Nyakubahwa Perezida Paul Kagame. Ngirango nta munyarwanda ushyira mu gaciro udatewe ishema n'uburyo u Rwanda ruyobowe, umuvuduko w'iterambere rufite, kimwe n'agaciro ruhabwa mu ruhando mpuzamahanga.

Nanjye nka Minisitiri w'Intebe, mfite ishema ryo kubagezaho gahunda tuzashyira mu bikorwa duhereye kuri porogaramu

politiki y'imyaka irindwi ya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, yateguwe ishingiye kuri Manifesto y'Umuryango FPR-Inkotanyi yagejeje ku Banyarwanda igihe yiyamamarizaga kuyobora u Rwanda muri iyi manda.

Ndagira ngo kandi mbashimire Ba Nyakubahwa Mugize Inteko Ishinga Amategeko ubufatanye, imikorere n'imikoranire myiza na Guverinoma cyane cyane inama mutugira binyuze mu buryo butandukanye bukoreshwa n'Inteko, twese tugamije iterambere n'imibereho myiza y'Abanyarwanda.

Ndashimira kandi izindi nzego zose zaba iza Leta, iz'abikorera, Sosiyete Sivili, amadini n'amatorero, n'abandi bafatanya bikorwa n'abanyarwanda muri rusange kubera uruhare bagira mu gushyigikira no gushyira mu bikorwa gahunda za Guverinoma.

Mboneyeho n'umwanya wo gushimira ibihugu by'inshuti, imiryango mpuzamahanga n'izindi nshuti z'u Rwanda ku ruhare rugaragara bagira mu bikorwa bitandukanye by'iterambere ry'Igihugu cyacu.

Ndagirango nibutse ko ubu twatangiye umwaka wa kabiri wa manda ya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika. Iyi gahunda ikubiye mu nkingi enye tumenyereye ari zo: imiyoborere myiza, kwimakaza ubutabera, iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage.

Birumvikana rero ko mu gihe cy'umwaka umwe, hari ibikorwa byamaze kugerwaho. Ibimaze gukorwa bizashimangirwa,

ibyatangiye bizakomeza ndetse bishyirwemo n'imbaraga, hari n'ibishya tugomba gukora kugira ngo twihute kugera ku ntego twihaye. Nkaba nifuza kugira icyo mvuga kuri bimwe mu byakozwe muri uyu mwaka wa mbere wa manda ya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, mbere y'uko mbagezaho Gahunda y'ibikorwa twiyemeje kugeraho.

I. IBIMAZE KUGERWAHO KUVA IYI MANDA ITANGIYE

Mu miyoborere myiza:

- ✓ Icyiciro cya gatatu cyo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi cyaratangiye; urwego rw'Akagali rwongerewe ingufu aho hongerewe umukozi umwe wiyongera ku wundi wari uhasanzwe. Umurenge nawo wongerewe abakozi bava kuri batanu bagera kuri barindwi ndetse n'imbonerahamwe y'imirimo ku Karere n'Umujyi wa Kigali yaravuguruwe. Amategeko yerekeranye n'imitegekere y'inzego z'ibanze yaravuguruwe ubu yagejejwe ku Nteko Ishinga amategeko ngo iyigeho. Icy'ingenzi kirimo akaba ari ugushimangira imiyoborere no kwegereza abaturage serivisi zibakorerwa.
- ✓ Mu bubanyi n'amahanga: umubano n'ibihugu by'Afurika warushijeho kunoga ndetse hanafungurwa Ambasade nshya ebyiri i Dakar muri Senegali n'i Abuja muri Nijeriya. U Rwanda kandi rwashyize umukono ku masezerano mpuzamahanda anyuranye ndetse andi ashyirirwaho amategeko n'amateka ayashyira mu bikorwa.
- ✓ Mu iterambere ry'uburinganire bw'abagore n'abagabo: hatangijwe muri za Minisiteri zose "gender responsive budgeting" igamije gushimangira ihame ry'uburinganire mu igenamigambi no mu ngengo y'imari; hashyizweho kandi na gahunda ya "Gender mainstreaming" kandi na gahunda y'imihigo ku rwego rw'umuryango imaze kwihutisha iterambere ry'ingo.

- ✓ Mu itangazamakuru: hatangiye uburyo butuma abanyamakuru bigenzura bakanagira uruhare mu gukosora amakosa agenda akorwa na bagenzi babo kandi itegeko ryerekeranye no kubona amakuru "access to information" ririmo gusuzumwa n'Inteko Ishinga Amategeko. Inama y'Igihugu y'Itangazamakuru n'Ikigo cy'Igihugu cy'Itangazamakuru birimo kuvugururwa, imishinga y'amategeko abigenga irimo kwigwa mu Nteko Ishinga Amategeko. Hashyizweho Urwego rw'Umuvugizi wa Guverinoma.

Mu butabera:

- ✓ Ibimenyetso byabonetse mu Nkiko Gacaca byashyizwe hamwe muri "Documentation Centre" aho abashakashatsi bashobora kubibona ku buryo bworoshye;
- ✓ Abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 bahungiye mu mahanga bakomeje gukurikiranwa n'Itsinda ribishinzwe riri mu Bushinjacyaha Bukuru (NPPA). Muri uyu mwaka, abagera ku icumi bari kuri "Red notice" barakurikiranywe.
- ✓ Ibirarane by'imanza mu Nkiko byaragabanutse: kuva muri Nyakanga 2010 kugeza muri Kamena 2011 haciwe imanza 35.309 ku manza 44.905 z'ibirarane zari zihari.
- ✓ Parike kandi yakurikiranye amadosiye 48 y'abakekwaho ibyaha bya ruswa, muri yo 16 amaze kugezwa mu nkiko.
- ✓ Hamaze gucibwa imanza 89 kuri 117 za Gacaca Itsinda ryashyizweho ryasanze zigomba gusubirwamo.

Mu bukungu:

- ✓ Uruhare bwite rw'imisoro n'amahoro n'undi mutungo bwite mu ngengo y'imari rukomeje kuzamuka rugeze kuri 51% by'ingengo y'imari (2011-2012) ruvuye kuri 49% muri 2009/2010.
- ✓ Mu buhinzi, gahunda mpinduramatwara mu buhinzi yashyizwemo imbaraga ndetse yunganirwa na gahunda zo kuhira mu bishanga n'imusozi, guhingisha imashini, gufataneza umusaruro, kuwuhunika, kuwutunganya no kuwushakira amasoko. Umusaruro w'ibihingwa bitunga abaturage wariyongereye ku gipimo cya 8.2% ku buryo ubu u Rwanda rubarirwa mu bihugu byihagije mu biribwa. Umusaruro w'ibihingwa byoherezwa mu mahanga nawo wariyongereye ku kigereranyo cya 14.2%. Ku bijyanye no guhunika imyaka, hamaze kuzura ibigega i Kigali muri "Special Economic Zone" bifite ubushobozi bwo guhunika toni 20,000 n'ibindi bigega biri hafi kuzura biri kubakwa i Nyagatare nabyo bizahunika toni 10,000. Ibi biriyongera ku bigega bisanzwe biriho hirya no hino mu Gihugu bifite ubushobozi bwo guhunika toni 62,000 ariko ubu birimo kuvugururwa ngo byuzuze ibisabwa (standards).
- ✓ Umusaruro w'ibikomoka ku bworozi nawo wariyongereye aho umusaruro w'amata wiyongereye ku gipimo cya 11.3% naho uw'inyama wiyongeraho 9.9%, amagi yiyongereye ku kigereranyo cya 59.2%, amafi kuri 6.4% naho ubuki kuri 27.5%.
- ✓ Mu bikorwa remezo, umuhanda Kigali-Musanze urimo

urarangira, umuhanda mushya Ntendezi - Karongi - Rubavu waratangiye, no gusana umuhanda wa Rusizi-Huye byaratangiye, umuhanda Ngororero-Mukamira wararangiye naho isoko ryo gusana umuhanda Kigali-Gatuna ryarangije gutangwa. Km 36 z'imihanda yo mu Mujyi wa Kigali zarangije gutunganywa naho Km zirenga 50 zirimo gutunganywa mu Mujyi wa Kigali n'imijyi y'Uturere.

- ✓ Mu ishoramari, u Rwanda rugeze ku mwanya wa 45 (mu bihugu 183) mu kunoza urubuga rw'ishoramari n'uwa gatatu muri Afurika kandi amavugururwa aracyakomeza;
- ✓ Inguzanyo ihabwa abikorera yarazamutse igera kuri 12.9% ivuye kuri 11.7% by'umusaruro w'Igihugu (GDP) muri 2009-2010.
- ✓ Ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 43%: kuva kuri miliyoni 214 z'amadolari y'Amerika muri 2009/2010 kugeza kuri miliyoni 305 z'amadolari y'Amerika muri 2010/2011.
- ✓ Muri 2010/11 muri rusange hacukuwe toni 5,762 z'amabuye y'agaciro zinjije miliyoni 96.4 z'amadolori y'Amerika. Muri 2010/11 Ubukerarugendo bwinjije miliyoni 227 z'amadolari y'Amerika, icyayi cyinjije miliyoni 66.7 z'amadolari y'Amerika naho ikawa yinjije miliyoni 61.5 z'amadolari y'Amerika.
- ✓ Umusaruro ukomoka ku nganda wazamutseho 12.7% muri 2010/2011 mu gihe muri 2009/2010 wari wazamutseho 1.2% gusa. Intego ni uko umusaruro

w'ibikomoka ku nganda uzamuka ku rugero rwa 12% buri mwaka.

- ✓ Umusaruro w'ubukerarugendo wiyongereyeho 26% ugera ku madolari miliyoni 227 uvuye kuri miliyoni 164.
- ✓ Kwandika ubutaka bigeze ku kigereranyo cya 98.5% ubu igikorwa gikomeye gisigaye ni ugutanga ibyangombwa kuri bene ubutaka.
- ✓ Mu gusakaza ikorana buhanga, umuyoboro wa Fibre optique warangiye kubakwa uko wateganyijwe ubu muri NICI III hateganyijwe kwita ku bikowa byo kuwubyaza umusaruro.

Mu mibereho myiza y'abaturage

- ✓ Mu buzima, ubwisungane mu kwivuza bwaravuguruwe kugira ngo umunyarwanda ashobore kwivuza mu bwisanzure kandi hagendewe ku mikoro ya buri muntu; hanatangijwe gahunda yo kuvuza abakozi bari mu kiruhuko cy'izabukuru bahoze ari abanyamuryango ba RSSB (ex-RAMA).
- ✓ Murwego rwo kurwanya malariya, hatanzwe inzitiramibu ziteye umuti 2,679,526 ku miryango itandukanye.
- ✓ Hatangijwe urukingo rwa kanseri y'inkondo y'umura ku bana b'abakobwa bari hagati y'imyaka 12 na 15. Ku bana 92,133 hakingiwe 89,704 bangana na 97,4%.
- ✓ Kurwanya imirire mibi byitaweho cyane cyane hongerwa umubare w'abana bahabwa amata ku ishuri muri gahunda y'Inkongoro y'amata kuri buri mwana aho ubu abayahabwa ari 70,000 mu bigo 100 by'amashuri biri mu

Turere 14 twatoranyijwe.

- ✓ Hatanzwe inka 27,688 muri gahunda ya Girinka ku miryango ikennye cyane cyane yagaragayemo imirire mibi. Inyinshi muri izi nka zatanzwe n'abantu ku giti cyabo mu gushyigikira gahunda yatangijwe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika.
- ✓ Mu kurengera abatishoboye, gahunda yo guca nyakatsi yafashije kubonera icumbi ryiza umubare munini w'abatishoboye: imiryango 48,674 yavanywe muri Nyakatsi ifashwa kubona icumbi ryiza. Hubatswe kandi amazu 1,005 muri gahunda yo kubonera icumbi abatishoboye andi 3,442 arimo kubakwa.
- ✓ Mu burezi, gahunda y'imyaka y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka 12 yatangiye gushyirwa mu bikorwa ubu abanyeshuri basaga 90,000 bazimukira mu mwaka wa 10 kandi ibyangombwa byose byarateguwe hitawe cyane cyane ku kwigisha abana imyuga. Muri urwo rwego hubatswe ibyumba by'amashuri 2,936 n'ubwiherero 5,172 hanagurwa intebe n'ibitabo byo gukoreshwa muri aya mashuri. Ubu harimo kubakwa ibyumba 2,680 n'ubwiherero 5,424 kandi aho bigeze bigaragara ko mu kuboza uyu mwaka byose bizaba byuzuye.

Ibi ni bimwe muri byinshi navuga byakozwe muri uyu mwaka ushize wa manda ya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika kandi ibindi byinshi biracyakorwa.

II. IBITEGANYIJWE KUGERWAHO

INKINGI YA I: IMIYOBORERE MYIZA

INTEGO:

GUKOMEZA KWIMAKAZA UBUMWE, UBUNYARWANDA, UBUSABANE N'URUGWIRO; KANDI IKABA UMUSEMBURO WO KUZAMURA VUBA UMUSARURO N'ITERAMBERE BYIHUSE.

IMIYOBORERE MYIZA

Mu kubakira ku ntambwe yagezweho muri iyi myaka ishize no gushimangira intera n'impinduka nziza muri politiki y'u RWANDA yatangijwe mu w'1994, imiyoborere myiza u RWANDA rugezemo igomba gushimangira intego (Goal) yo gukomeza kwimakaza UBUMWE, UBUNYARWANDA, UBUSABANE n'URUGWIRO (Governance Consecrating National Unity, Identity and Harmony); kandi ikaba UMUSEMBURO wo kuzamura vuba UMUSARURO n'ITERAMBERE byihuse (Catalyzing capabilities to increase rapid production and development-Governance for production).

Kugira ngo bigerweho ibyo Guverinoma izakora kuri iyi nkingi y'Imiyoborere Myiza biri mu bice cyangwa porogaramu 9 zikurikira:

POROGARAMU YA 1: IMIYOBORERE MYIZA

1. Guteza imbere politiki y'ubuyobozi bwegereye abaturage, inabaha uruhare mu kwihitiramo ababayobora, kwifatira ibyemezo kuri gahunda zibareba maze **umudugudu ukaba urwego ruhamye** rutangirwaho **serivisi nziza**, **rukemura ibibazo**, rukaba kandi urwego abaturage bagiriramo uruhare mu miyoborere y'Igihugu cyabo;
2. Kunoza igenamigambi, igenzura n'isuzuma ry'ibikorerwa **mu nzego za Leta zose** hagamijwe kugira "Clean Audit

Reports" mu gushimangira ihame ryo gukorera mu mucyo (Transparency) no kubazwa icyo buri wese ashinzwe (Accountability);

3. Gukomeza gushimangira ko ubuyobozi buba umusemburo w'Iterambere maze **buri rwego rw'Ubuyobozi** rukagira ibipimo fatizo byashingirwaho mu igenamigambi rigamije iterambere;
4. Guteza imbere ubufatanye hagati ya Leta, Abikorera, na Sosiyete Sivile binyuze mu Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere **JADF (Joint Action Development Forum) z'Imirenge n'Akarere** kandi JADF ikagira uruhare mu itegurwa ry'imihigo y'izo nzego;
5. Hazakomeza gushyirwa ingufu mu guteza imbere Ubumwe n'Ubwiyunge by'Abanyarwanda; hashyirwaho ibipimo by'ubwiyunge bw'Abanyarwanda **"RWANDA Reconciliation Social Cohesion Barometer", bikagera nibura kuri 95%**;

POROGARAMU YA 2: UBUKANGURAMBAGA

6. Gukangurira **Abanyarwanda bose** gufata neza umutungo wa Leta n'uwabo;
7. Gukomeza kubaka Itorero ry'Igihugu kugera ku rwego rw'Akagari n'Umudugudu **rigatoza abanyarwanda bose barengeje imyaka 7** gukunda Igihugu, bakagira ishema ryacyo, bakacyitangira mu bikorwa bitabira UMURIMO, ubwangamugayo n'ubupfura, kwigirira icyizere, n'ubutwari mu mibereho ya buri munsi mu byo bakora;
8. Kunoza gahunda yo kugeza ku baturarwanda b'ibyiciro

binyuranye inyigisho ku **burere mboneragihugu** no kuri gahunda za Leta;

9. Hazatangizwa ku buryo buhoraho gahunda yo **gukorera Igihugu nibura umwaka umwe** nta mushahara cyane cyane ku rubyiruko (**National Service**) kandi abanyarwanda bashishikarizwe umuco w'ubukorerabushake (volunteerism);

10. Abanyarwanda bose bazakangurirwa gukora umurimo unoze, gutanga no guhabwa serivisi nziza kandi zihuse, hashyirwaho ingamba zo kubigeraho; **igipimo cyo kwishimira imikorere y'inzego za Leta kikagera nibura kuri 80%** (Citizens service satisfaction > 80%);

11. Gukomeza gufasha Abanyarwanda guhangana n'ingaruka za Jenoside, no kurandura burundu ibisigisigi by'ingengabitekerezo yayo n'ibindi byose bishingiye ku macakubiri n'ivangura;

12. Gukangurira abanyarwanda n'inzego za Leta kurwanya ruswa, akarengane, kumenya no guharanira uburenganzira bwa buri wese, u RWANDA rukaza mu bihugu **10 bya mbere mu kurwanya ruswa/corruption ku Isi**;

13. Gukomeza gukangurira abanyarwanda bose binyujijwe ku bayobozi b'inzego zose (Leta, Abikorera, Sosiyete Sivili, Amadini) ibijyanye n'Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba (by'umwihariko) n'indi miryango, bashishikarizwa gukorera ku isoko ryagutse, cyane cyane muri iki gihe u Rwanda rumaze kuba umunyamuryango wa "Commonwealth".

POROGARAMU YA 3 : AMATEGEKO AGAMIJE ITERAMBERE

14. Gukomeza muri rusange **kuvugurura** amategeko, amateka n'amabwiriza aho bikiri ngombwa **no gushyiraho andi mashya** ahuzwa n'igihe, inyungu z'u RWANDA n'Abanyarwanda hagamijwe iterambere ryihuse mu bya Politiki, Imibereho Myiza n'Ubukungu n'imari;

15. Gukomeza kumenyekanisha ayo mategeko yose no guhuza gahunda zo gukangurira abaturarwanda uburenganzira bwabo; Igazeti ya Leta izagezwa **ku rwego rw'Akagari no ku rubuga rwa internet** kandi amategeko akoreshwa cyane agasobanurwa mu mvugo yoroheye abaturage kumva;

16. Guhuza amategeko y'u RWANDA n'ay'Ibihugu bigize Umuryango wa EAC cyane cyane **amategeko afite ingaruka** ku bukungu, imibereho myiza, umuco, uburezi kugira ngo amasezerano ashyiraho Isoko Rusange agirire Igihugu cyacu akamaro;

17. Gushyiraho amategeko n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe **imikorere y'Abunzi** no kuruha ingufu;

POROGARAMU YA 4: UMUTEKANO N'UBUSUGIRE BY'IGIHUGU

Birazwi kandi birumvikana ko **amahoro n'umudendezo** mu miyoborere y'Igihugu ari mu by'ingenzi bishoboza abenegihugu gukora biteza imbere.

Guverinoma izibanda ku guharanira ubusugire bw'u RWANDA, umutekano usesuye ku baturarwanda no ku mutungo wabo. Hazakorwa ibi bikurikira:

18. Kurwanya abagishaka guhungabanya umutekano w'u RWANDA "negative forces" **aho baturuka hose** hakoreshejwe ubuhanga, ubutwari na discipline;

19. Gukomeza gushimangira imikoranire myiza hagati y'inzego zishinzwe umutekano w'Igihugu;

20. Gukomeza kwitabira no kugira uruhare mu bikorwa bigarura amahoro n'umutekano mu karere n'andi mahanga;

21. Gukomeza kubaka ubushobozi bw'Ingabo na Polisi by'Igihugu, umutwe w'Inkeragutabara "Reserve Forces", Umutwe wo kurwanya iterabwoba "Anti Terrorism Unit", Urwego rushinzwe imfungwa n'abagororwa "RWANDA Correctional Services", no kunoza imikorere ya "Community Policing"; bityo **umubare w'ibyaha ugabanukeho nibura 80%**;

22. Gukomeza kunoza ubufatanye bwa **Polisi y'Igihugu n'ibigo by'abikorera** mu gucunga umutekano w'abantu n'ibintu (Public Private Partnership), inzego za Polisi zikagezwaho amakuru y'icyaha cyamenyekanye mu gihe kitarenze umunota umwe kandi nayo igatabara **mu gihe kitarenze iminota 30**;

23. Kubaka ubushobozi bwo kuburira, gukumira no guhangana n'ibiza; **90% by'ibiza bikaba byateguriwe ingamba zibikumira n'ubutabazi bwihuse**, igihe cyo kubona ubutabazi bw'ibanze **ntikirenge amasaha**

makumyabiri n'ane, ariko bitabujije ko byakorwa mu gihe gito aho bishoboka;

24. Kwita ku buryo bwo kurwanya ibihungabanya umutekano hakoreshejwe ikoranabuhanga (Cyberspace Security);

25. Gukomeza kurwanya itungwa n'ikoreshwa ry'intwaro mu buryo bunyuranije n'amategeko;

26. **Gukomeza gufasha ingabo zavuye ku rugerero kwinjira mu buzima busanzwe no kuzorohereza kubona ubumenyingiro buzifasha kwibeshaho neza.**

POROGARAMU YA 5: UBUBANYI N'AMAHANGA

Guverinoma izakomeza guharanira ko intambwe imaze guterwa mu rwego rw'ububanyi n'amahanga bushingiye ku **bwubahane, ubuhahirane n'ubufatanye** bigamije inyungu z'Abanyarwanda ikomeza gushimangirwa. Hazakorwa ibi bikurikira:

27. Gukomeza kugira uruhare rugaragara mu Miryango Mpuzamahanga hagamijwe **kubungabunga inyungu** z'u RWANDA. By'umwihariko mu gutsura ubutwererane no guteza imbere Imiryango yo mu Karere **(Regional Integration)**;

28. Gukomeza imishyikirano mu rwego rwo gushyiraho ifaranga rimwe mu bihugu bigize EAC;

29. Gukomeza guteza imbere dipolomasi ishingiye ku nzego z'umutekano n'Inteko Zishinga Amategeko **(Defence and Parliamentary Diplomacy)** ndetse no ku rwego rw'Ubucuruzi, Siporo n'Umuco;

30. Kunoza uburyo bwo gutangaza **amakuru areba Leta y'u**

RWANDA kugira ngo Isi yose igire amakuru y'imvaho k'u RWANDA;

31. Gushyiraho ingamba nshya zo gukomeza kubaka no kumenyekanisha isura nziza y'u RWANDA hakoreshejwe by'umwihariko ba Mukerarugendo, Diaspora, Itanganza-makuru, Ibigo by'Ubushakashatsi;

32. Kurushaho kwita no kuvugurura umubano n'**ibihugu bya Afurika** cyane cyane umubano n'Ibihugu bya Afurika yo hagati n'iy'Iburengerazuba;

33. Gukomeza **gutsura umubano mwiza** n'ibihugu by'incuti no gufungura za ambasade na za konsila mu bihugu u RWANDA rufi temo inyungu kimwe no kongerera ubushobozi izisanzweho;

34. Gukora inyigo zihariye (sectoral studies) zafasha gufata ibyemezo hashingiwe ku **bipimo bifatika kandi zikerekana aho u RWANDA nk'Igihugu ndetse n'abikorera by'umwihariko bakura inyungu kurusha** ahandi (comparative advantages) ndetse zikanerekana ingaruka ku bukungu bw'Igihugu cyacu hagafatwa ingamba hakiri kare;

35. Guteza imbere ubucuruzi n'ubuhahirane hagati y'u RWANDA n'ibindi bihugu, **Ishoramari riturutse hanze (Foreign Direct Investment) rikikuba nibura gatatu**;

36. Kubaka urwego rwa "Diaspora Nyarwanda" no gukomeza kuyikangurira **kugira uruhare** mu ishoramari n'iterambere ry'Igihugu, no mu gusobanurira amahanga n'abanyarwanda bakirwanya Igihugu, politiki nshya iyobora u RWANDA muri iki gihe;

37. Kugira abakozi b'ububanyi n'amahanga b'umwuga;

38. Gushyira **umukono ku masezerano mpuzamahanga yose** u RWANDA rufitemo inyungu ndetse no kuyashyira mu mategeko y'Igihugu vuba (*Ratification and domestication*). Gukurikirana **ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano** u RWANDA rufitanye n'ibihugu cyangwa imiryango mpuzamahanga;

39. Guharanira ko ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ivanwaho ry'ubuhunzi rusange ku Banyarwanda ritangira bitarenze ku wa 30 Kamena 2012;

POROGARAMU YA 6: ITERAMBERE RY'URUBYIRUKO

Guverinoma izakomeza gutoza urubyiruko umuco wo gukunda Igihugu, kwikemurira ibibazo no kurufasha **kubona umurongo uboneye watuma rurushaho kwiteza imbere** no kugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu kuko ari rwo mbaraga n'amizero byacyo. Hazakorwa ibi bikurikira:

40. Kongera umubare w'amakoperative y'urubyiruko hashyirwaho **amakoperative mashya nibura 350** no gukurikirana imikorere yayo;

41. Kubaka ubushobozi bw'urubyiruko (ubumenyi n'ubumenyi ngiro) ku buryo umubare w'abadafite umurimo ujya munsi ya **5%**; muri urwo rwego, buri mwaka hazajya haboneka imirimo mishya 200,000 itari iy'ubuhinzi.

42. Kongera ingufu mu mikino n'imyidagaduro ku buryo Ikipe y'Igihugu ya Football izagera mu myanya 10 ya mbere muri Afurika naho amakipe y'Igihugu ya

Volleyball na Basketball akagera mu myanya 3 ya mbere muri Afurika.

43. Gushyiraho gahunda ifasha urubyiruko kwibonera ibikoresho by'ubwubatsi bitangiza ibidukikije nko kubafasha kubona **imashini za hydraform n'amatanura** ya kijyambere kugira ngo rushobore kwiyubakira mu midugudu no mu mijyi.

44. Gukomeza gushyira imbaraga muri gahunda zifasha urubyiruko kugira **ubuzima buzira umuze** harimo no kubaha amakuru ya ngombwa abafasha **guhindura imyumvire n'imyifatire** ku myororokere, kurwanya ibiyobyabwenge, ubusinzi, n'izindi ngeso mbi;

45. Guteza imbere **ubusabane n' ubuhahirane bw'urubyiruko** mu gihugu no mu mahanga, urubyiruko rw'u RWANDA rukagira uruhare mu buyobozi bw' Imiryango Mpuzamahanga y'Urubyiruko;

POROGARAMU YA 7: ITERAMBERE RY'UBURINGANIRE BW'ABAGORE N'ABAGABO

Guverinoma izakomeza guharanira kurandura burundu inzitizi zose zikibangamiye iterambere ry'umugore binyuze mu bikorwa bikurikira:

46. Gukomeza gushimangira ihame ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo muri **gahunda zose z'Igihugu,** gukurikirana ko byinjizwa mu **igenamigambi no mu ngengo y'imari** y'inzego zose ndetse no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko abushimangira; **abazi**

gusoma no kwandika bari hagati y'imyaka 15 na 24 bakaba nibura 95%;

47. Gukomeza gushishikariza abagore kwibumbira mu **makoperative**, kugana ibigo bitanga **inguzanyo** no guhuza ibikorwa byabo n'ibikenewe ku isoko, nibura ½ **cy'abahabwa inguzanyo** mu Murenge SACCO n'ibindi bigo by'imari icirirtse, n'amabanki bakaba ari abagore;

48. Kwinjiza muri buri kigo nderabuzima gahunda ya **"ISANGE"** ifasha abahohotewe;

49. Gukomeza kubaka ubushobozi bwa za Komite zo kurwanya ihohoterwa ku nzego zose ihohoterwa rigacika burundu;

POROGARAMU YA 8 : ITERAMBERE RY'IMIRYANGO ITARI IYA LETA

Guverinoma izakomeza gushyigikira imiryango itari iya Leta (Civil Society) kugira ngo igire **imikorere igamije inyungu rusange,** ikorera mu mucyo kandi ikanagira uruhare rugaragara mu iterambere ry'Igihugu.

Hazakorwa ibi bikurikira:

50. Gukangurira imiryango itari iya Leta gukora za gahunda z'ibikorwa by'iterambere ry'Abanyarwanda ishingiye **kuri gahunda za Leta**;

51. Gukomeza guha **urubuga n'ubwisanzure** imiryango nyarwanda itari iya Leta no kuyikangurira gukora **ibikorwa bibyara inyungu** kugira ngo byunganire ibyo bakora;

52. Hazashyirwaho uburyo iyo miryango yashobora **kugirana na Leta amasezerano y'ubufatanye** mu gutanga serivisi zifi tiye inyungu rusange Abanyarwanda;
53. **Kunoza imikoranire yayo n'inzego za Leta, kurushaho gukorera mu mucyo no kumurika ibyo bashinzwe**.

POROGARAMU YA 9 : ITANGAZAMAKURU

Guverinoma ifite umugambi wo gukomeza kubaka **itangazamakuru ry'umwuga** rifite ubushake, ubumenyi n'ubushobozi byo kugeza ku Banyarwanda **amakuru abafitiye akamaro**, azamura imyumvire igamije kubageza ku majyambere arambye.

Guverinoma kandi izafasha mu kubaka itangazamakuru ry'ingeri zinyuranye rimenyekanisha **isura nyayo** y'u RWANDA mu mahanga. Guverinoma ikazibanda kuri ibi bikurikira:

54. Gushishikariza **inzego za Leta** n'izindi bireba kugeza, bitarenze **umunsi umwe,** ku Banyarwanda n'amahanga amakuru y'imvaho ku bibera mu RWANDA ndetse no mu mahanga;
55. Kubaka itangazamakuru ry'umwuga hashyirwa ingufu mu mashuri yigisha itangazamakuru n'ibigo bihugura abanyamakuru;
56. Kongerera ubushobozi no kuvugurura imikorere y'**Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Itangazamakuru**;
57. Kuvugurura no guha ubushobozi **Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura Imirimo Ifitiye Igihugu Akamaro (RURA)** kugira ngo gishoborekwita ku birebana n'Itangazamakuru;

58. Kongerera ubushobozi Inama y'Igihugu y'Itangazamakuru igafasha itangazamakuru mu RWANDA kunoza imikorere;

59. Gukwirakwiza iminara no gukoresha **ikoranabuhanga** rigezweho "Digitalization" mu bijyanye na radiyo na televiziyo maze televisiyo na radiyo bigasakara **hose mu gihugu**;

60. Gukangurira abikorera gushora imari mu itangazamakuru rigera kuri benshi cyane cyane televiziyo zigenga;

61. Gushyiraho ingamba zifatika zo gukomeza gukangurira Abanyarwanda **umuco wo gusoma no kwandika** bihereye ku bana bato no kugeza ku Banyarwanda ibinyamakuru byo gusoma; muri urwo rwego, hakongerwa umubare w'**ibinyamakuru bisohoka buri munsi** (**nibura kimwe mu Kinyarwanda, Icyongereza n'Igifaransa**)

62. Gukomeza kumenyekanisha ibikorerwa mu RWANDA binyujijwe ku mbuga za Internet.

Imiyoborere Myiza yimakaza UBUTABERA kandi nk'uko bikunze kuvugwa UBUTABERA ni umunzani w'Amajyambere.

INKINGI YA II:
UBUTABERA

INTEGO:

GUKOMEZA KUBAKA IGIHUGU KIGENDERA KANDI KIKUBAHIRIZA AMATEGEKO N'UBURENGANZIRA BWA MUNTU (RULE OF LAW) N'UBUTABERA BUHAMYE BUSHYIGIKIRA KANDI BUNOZA ITERAMBERE (EFFICIENT JUSTICE THAT PROMOTE DEVELOPMENT).

UBUTABERA

Ni muri urwo rwego, hashingiwe ku bimaze kugerwaho mu gihe gishize **mu miterere n'imikorere y'Inzego** z'Ubutabera n'izindi zose zifite mu nshingano kurwanya ruswa n'akarengane, ubushobozi n'ububasha zifite, Guverinoma izagera kuri iyi ntego binyuze muri porogaramu 4:

POROGARAMU YA 1: UBUTABERA MURI RUSANGE

Guverinoma izakomeza **kwimakaza no gushimangira** ubutabera bwegereye abaturage, bafi temo uruhare, bubunga, bubarengera kandi buca umuco wo kudahana. By'umwihariko hazakorwa ibi bikurikira:

63. Gukomeza kongerera ingufu n'ubushobozi Inzego z'Ubutabera zose zikagera mu Turere twose kugirango zirusheho gukorera neza abaturage hifashishijwe cyane cyane Inzu z'Ubutabera (MAJ-Access to Justice Bureau, Maison d'Accès à la Justice); ku buryo **ibirego bishyikirizwa Inkiko bigabanukaho nibura 20% buri mwaka**;

64. Kunoza imikorere y'Abahesha b'Inkiko bashinzwe kurangiza imanza ku buryo **imanza zose zaciwe mu rwego rwa gatatu mu Nkiko Gacaca zirangizwa**. Irangiza ry'izindi manza zaciwe n'inkiko zisanzwe naryo rizihutishwa uhereye igihe umuntu yatsindiye urubanza burundu;

65. Gukomeza gushyira ingufu mu kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana n'abagore n'irikorerwa mu ngo, ku buryo **umuco wo guhishira icyo cyaha ucika burundu mu RWANDA**;

66. Kuvanaho impamvu zose zituma **abana bafunze** bamara iminsi muri Gereza bataraburana hakoreshwa uburyo bwo kubaha ubufasha mu by'amategeko;

67. Gukomeza gushyira ingufu mu gukurikirana mu Nkiko **abantu bose banyereza umutungo wa Leta, abatera Leta igihombo, abayishora mu manza bitari ngombwa**, kandi **amafaranga yose ya Leta akagaruzwa**;

68. Kunoza uburyo imirimo nsimburagifungo ikorwamo **ikabyazwa umusaruro** n'abayirangije bagasubizwa mu buzima busanzwe no gukomeza kubashishikariza kwiyunga n'abo bahemukiye;

69. **Kugena uburyo amategeko yateganya igihano nsimburagifungo ku byaha bisanzwe; ku buryo Gereza zitarenza ubushobozi bwazo mu byerekeranye n'umubare w'abantu bafunzwe**;

70. Hazakomeza kongererwa ubushobozi inzu yo gushyinguramo **inyandiko n'ibimenyetso by'icyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi** byabonetse mu Nkiko Gacaca "*Documentation Centre*" kugira ngo hatezwe imbere ubushakashatsi no kumenyekanisha uruhare Inkiko Gacaca zagize mu **guca imanza nyinshi** za Jenoside no gufasha abanyarwanda kwihana, kumenya ukuri no kongera kubana mu mahoro;

71. Gukomeza gukurikirana **abakoze Jenoside bahungiye**

mu bindi bihugu bagacirirwa imanza aho bari cyangwa bakoherezwa mu RWANDA; hagashyirwa ingufu mu gusinya amasezerano yo guhanahana abanyabyaha **nibura 90% y'ibihugu** bicumbikiye abahekuye u RWANDA bikabashyikiriza ubutabera;

72. Gukurikirana isozwa ry'imirimo ya ICTR, by'umwihariko mu guharanira ko **abo ICTR itazashobora gucira imanza** bakoherezwa mu RWANDA, hasabwa ko abo ICTR yakatiye **barangiriza igihano** cyabo mu RWANDA kandi inyandiko z'urwo rukiko zikabikwa mu RWANDA;

POROGARAMU YA 2: KURWANYA JENOSIDE

Guverinoma izakomeza kurwanya ingengabiterezo ya Jenoside, amacakubiri, ivangura n'ibindi byayihembera byose. **Izakomeza kandi kunga Abanyarwanda** igamije kubaka Igihugu kizira umwiryane mu buryo bukurikira:

73. Gukomeza gushakira ubushobozi Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside no kunoza imikorere yayo;

74. Gukomeza gutanga ubutumwa bujyanye no kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo **mu mashuri, mu miryango, no mu kazi**;

75. Gushishikariza Abanyarwanda n'abanyamahanga **kuvuga no kwandika kuri Jenoside yakorewe Abatutsi** mu RWANDA; abagize ubutwari bwo guhisha abatotezwaga muri Jenoside yakorewe Abatutsi bakamenyekana kandi bagashimirwa;

76. Gukomeza kubaka, gusana, gusukura **inzibutso za Jenoside** yakorewe Abatutsi no gushaka uko zimwe

muri zo zashyirwa mu murage w'Isi (World Heritage) binyujijwe muri UNESCO.

77. Gukangurira buri wese kwitabira **icyunamo no kwibuka** abazize Jenoside, gusura inzibutso, gutunganya mu buryo burambye nibura urwibutso rumwe ku rwego rw'Igihugu buri mwaka.

27

POROGARAMU YA 3: KURWANYA AKARENGANE NA RUSWA

Guverinoma izakomeza kurwanya akarengane, ruswa no gutonesha kandi ishyire **imbere inyungu rusange** kugira ngo intambwe u RWANDA rugezeho itazasubira inyuma. Ibi bizasaba:

78. Kongera ingufu muri gahunda zo kwigisha ibyiciro binyuranye by'Abanyarwanda kurwanya ruswa, akarengane n'itonesha; ku buryo **buri Munyarwanda** asobanukirwa uburenganzira bwe ahabwa n'amategeko: Ko ntawe ufite ububasha bwo kubumuvutsa cyangwa ngo abugure;

79. Kongerera ubushobozi inzego zishinzwe kurwanya ruswa n'akarengane cyane cyane **guha ingufu Inama Ngishwa Nama** kuri Ruswa igakorera no **ku nzego z'Umurenge n'Akagali**;

80. Gushyiraho politiki yo kurwanya ruswa no gushyira mu bikorwa ingamba zo kuyirwanya ndetse n'ibindi byaha biyishamikiyeho;

POROGARAMU YA 4: KUBAHIRIZA UBURENGANZIRA BWA MUNTU

Guverinoma izakomeza kubaka Igihugu cyubahiriza uburenganzira bwa buri wese, aho buri muturarwanda agira uburenganzira busesuye kandi burindwa n'itegeko.

Guverinoma izibanda kuri ibi bikurikira:

81. **Kongera imbaraga mu kwigisha no gukangurira** abaturarwanda b'ingeri zose ibijyanye n'uburenganzira bw'ibanze bwa muntu; abayobozi bagafata inshingano yo gukemura **100% ibibazo by'ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu byamenyekanye.**

82. Kwemeza burundu amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa muntu afitiye Igihugu akamaro, kuyashyira mu bikorwa no **gutanga ku gihe raporo zose zisabwa** muri aya masezerano mpuzamahanga.

Imiyoborere myiza n'Ubutabera buhamye, nta kuntu bitaha intera nyayo ITERAMBERE nyir'izina RY'UBUKUNGU.

INKINGI YA III : UBUKUNGU

INTEGO:

KWIHUTISHA ITERAMBERE RY'UBUKUNGU MU BURYO BURAMBYE, TWONGERA UMUSARURO, IBIPIMO NGENDERWAHO NGENGABUKUNGU BIKIYONGERA, U RWANDA RUKAVA MU CYICIRO CY'ABAKENE RUKAZAREKA GUSINDAGIZWA.

UBUKUNGU

Guverinoma yemera ko Umunyarwanda ari we shingiro ry'ubukungu bw'Igihugu bunahereye mbere na mbere ku miterere n'umutungo by'Igihugu. Ni yo mpamvu ishishikajwe no guteza imbere buri Munyarwanda nk'uko bigaragarira muri Gahunda Mbaturabukungu n'Icyerekezo 2020.

Intego rero ni ukwihutisha iterambere ry'ubukungu mu buryo burambye, twongera umusaruro, ibipimo ngenderwaho ngengabukungu bikiyongera, u RWANDA rukava mu cyiciro cy'abakene rukazareka gusindagizwa.

Iyi ntego y'Iterambere ry'ubukungu izagerwaho binyuze kandi bishingiye cyane cyane kuri gahunda zikurikira:

POROGARAMU YA 1: UBUHINZI N'UBWOROZI

Guverinoma izakomeza kwita ku mirimo **y'ubuhinzi n'ubworozi bwa kijyambere, ku buryo abahinzi n'aborozi babugira umwuga ubatunze** kandi uteza imbere Igihugu muri rusange. Umusaruro uziyongera mu bwinshi no mu bwiza, wongererwe agaciro, uhunikwe kandi ushakirwe isoko bityo haboneke indi mirimo itari iy'ubuhinzi iteza imbere Igihugu.

Ibizakorwa:

83. Gushyira ingufu mu **kunoza ubuhinzi** hakoreshwa guhuza ubutaka, kuburinda isuri, gukoresha imbuto

z'indobanure n'inyongeramusaruro zikwiye, guhingisha imashini no kuhira imyaka;

84. Gukomeza gushishikariza abaturage guhinga **ibihingwa bibafitiye akamaro** kurusha ibindi bitewe n'akarere n'imiterere y'ubutaka bahingaho (comparative advantage);

85. Guteza imbere **ubushakashatsi** ku mbuto no gushyiraho **ahatuburirwa imbuto** nziza no gusakaza ibyavuye muri ubwo bushakashatsi bikagera **ku rwego rw'Umuhinzi** ku buryo gukoresha imbuto nziza z'indobanure biva kuri 40% bikagera ku **100%**;

86. Gahunda yo guhuza ubutaka izitabwaho, bityo ubutaka buhujwe buve kuri **18% bugere nibura kuri 70%**;

87. Kuhira imyaka mu bishanga n'imisozi bizava kuri **Ha 13,000** bigere nibura **kuri Ha 100,000**;

88. Ifumbire mvaruganda izava kuri **14kg/ha igere nibura kuri 45kg/ha**, ikoreshwe ku butaka buhingwa cyane cyane ku materasi y'indinganire;

89. Kongera **nibura ku kigero cya 10% buri mwaka** ku bwinshi no mu bwiza umusaruro w'ibihingwa bisanzwe byoherezwa hanze y'Igihugu (kawa, icyayi, ibireti). Ibindi bihingwa byoherezwa mu mahanga bikiyongeraho nibura 10% buri mwaka;

90. Kongera umubare w'**abakozi bakurikirana** ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi kugira ngo begere abaturage; ibi bikajyana no kunoza imikorere yabo;

91. Gushyiraho uburyo bunoze bwo **guhuza abejeje imyaka n'abaguzi** (*post harvest action*) hanozwa uburyo bwo guhahirana mu gihugu hagati no mu mahanga,

hashyirwaho amakusanyirizo n'amaguriro mu **Turere twose**;

92. Gushishikariza abahinzi n'aborozi gukorera mu makoperative akomeye, akora neza kandi atanga **inyungu ku bayagize** no ku gihugu muri rusange **bakagera nibura kuri 70%**;

93. Gushyira imbaraga mu gukumira no kuvura indwara zifata ibihingwa n'amatungo;

94. **Gushinga banki y'iterambere ry'ubuhinzi n'ubworozi**, hakanozwa uburyo bwo gutanga inguzanyo; inguzanyo mu buhinzi n'ubworozi **zizava kuri 4% zigere kuri 18%** y'inguzanyo zitangwa mu gihugu;

95. Gukomeza gahunda zo kuvugurura **ubworozi bw'amatungo** hagamijwe kongera umusaruro w'ibiyakomokaho, kuwutunganya, kuwumenyakanisha no kuwubonera amasoko mu gihugu no hanze yacyo;

96. Gukomeza gushyira ingufu muri gahunda ya GIRINKA. Inka zizatangwa **zizava kuri 116,261 zigere 350,000** hanozwe gahunda n'uburyo bwo **kuzihererekanya/kuziturira** kugira ngo zigere ku miryango yose izikeneye bityo zifashe kuzamura ubukungu n'imibereho myiza y'Abanyarwanda;

97. Guteza imbere gahunda yo guhunika neza umusaruro mu bigega by'Igihugu, umusaruro uhunitse mu bigega by'Igihugu ukava kuri toni 42,000 ukagera kuri **toni 200,000**; buri gihembwe ibigega bigomba kuba birimo byibuze toni 100,000. Amakoperative y'abahinzi n'ingo z'abaturage bagahunika ibishobora gutunga abantu **mu mezi nibura atatu**.

98. Gushyiraho gahunda ihamye yo guteza imbere **uburobyi n'ubworozi bw'amatungo magufi** no kongera umusaruro w'ibiyakomokaho (inyama, amata, amagi, impu, amafi);

99. Gukomeza gukangurira aborozi no kubafasha mu bikorwa byo guhunika/kubika amazi n'ubwatsi bw'amatungo.

100. Ibi byose bikazatuma bishoboka kugirango kwihaza mu biribwa bibe ihame, **inzara icike burundu mu gihugu hose**, **buri muturarwanda agire ibyo kurya bihagije kandi bifite intungamubiri za ngombwa kandi asagurire isoko**.

POROGARAMU YA 2: UBUCURUZI, INGANDA, N'UBUKERARUGENDO

Mu rwego rwo guteza imbere inganda n'ubucuruzi bw'imbere mu gihugu n'ubucuruzi mpuzamahanga, **Guverinoma izibanda kuri ibi bikurikira**:

a) **Mu bucuruzi**

101. Kurangiza ishyirwaho rya KIGALI Special Economic Zone **kandi igakora**;

102. Gushyiraho uburyo bunoze bufatika bwo guteza imbere ubucuruzi bw'ingeri zose **n'ibihugu duhana imbibi**;

103. Gukomeza gufasha abikorera gukora **ibicuruzwa bifite ubuziranenge** bishobora guhangana n'ibindi bicuruzwa ku isoko mpuzamahanga;

104. Guha ingufu urwego rw'**isoko ry'imigabane** n'ibindi bigo by'imari bitanga inguzanyo y'igihe kirekire kugira ngo byorohereze abashoramari;

105. Kubaka **ikigo cy'imurikagurisha** mpuzamahanga mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorerwa mu RWANDA.

b) Mu rwego rw'inganda

106. Gushyiraho igishushanyombonera cy'inganda (Industrial Master Plan); umusaruro w'inganda uziyongeraho **12%** buri mwaka; bityo inganda zigire uruhare rurenze **20%** mu musaruro w'imbere mu gihugu (GDP) zivuye kuri **15%.**

107. Gufatanya n'urwego rw'abikorera gushyiraho **inganda zikora ibicuruzwa bisimbura ibitumizwa mu mahanga** (amavuta yo guteka, imyenda y'ibikomoka ku budodo, impu, ibikoresho by'ubwububatsi, imiti, ibikoresho bya pulasitiki bitangiza ibidukikije) n'izikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga; hatezwa imbere n'ibihangano by'ubukorikori;

108. Kongera umubare w'inganda z'icyayi (hazubakwa inganda nshya **NYAMASHEKE, NYARUGURU, NYAMAGABE, RUTSIRO** na **KARONGI**);

109. Inganda z'icyayi za Leta zisigaye (Uruganda rwa Mulindi n'urwa Shagasha) zizegurirwa abikorera kugira ngo zirusheho gukora neza;

110. Gushyira imbaraga mu kongera umubare **w'inganda zitunganya kawa**, hanozwe kandi imikorere y'izisanzweho (inganda zitonora kawa zikava ku 141 zikagera ku 220), bizatuma kawa itunganyirizwa mu nganda/fully washed coffee **iva kuri 30% igere kuri 80%;**

111. Kubaka uruganda runini rutunganya **imyumbati**, urukora **ifumbire** mvaruganda, urutunganya inyama, urukora **sima**, kandi hongerwe amakaragiro y'amata (**Mukamira** na **Gicumbi**);

112. Guteza imbere **inganda zicirirtse** zitunganya umusaruro wo mu buhinzi n'ubworozi hirya no hino mu gihugu hose no gushyiraho **inganda z'icyitegererezo**.

113. Kongerera ubushobozi Uruganda rutunganya ibireti.

114. Kongera ikigereranyo cy'ibyoherezwa hanze ugereranyije n'ibitumizwa, kikava kuri 27% kikagera kuri 75%.

c) Mu bukerarugendo

115. Gushyira mu bikorwa **igishushanyombonera** cy'ubukerarugendo mu Gihugu.

116. Kunoza imicungire y'amaparike y'Igihugu.

117. Guteza imbere ubukerarugendo bushingiye ku **muco n'amateka** y'Igihugu no kwakira **inama mpuzamahanga**;

118. Kongera umubare **w'amahoteri manini n'acirirtse** mu rwego rwo guteza imbere ubukerarugendo no kunoza imikorere yayo;

119. Kongera umusaruro ukomoka ku bukerarugendo ukikuba nibura kabiri.

120. Gukangurira Abanyarwanda kwitabira ibikorwa by'ubukerarugendo, **bakaba nibura 30% by'abasura ibikorwa by'ubukerarugendo**.

POROGARAMU YA 3: IBIKORWA REMEZO

Guverinoma ishishikajwe no kugira ibikorwaremezo byo **gutwara abantu n'ibintu, iby'ingufu, amazi, isuku n'isukura**, iby'imiturire, iteganyagihe n'iby'ikoranabuhanga mu itumanaho birambye. Guverinoma izihatira kugeza ibyo bikorwaremezo **mu gihugu hose no gukomeza kubifata** neza kuko ari byo musingi w'iterambere mu by'ubukungu. Muri urwo rwego, bimwe mu by'ingenzi Guverinoma izakora, ni ibi bikurikira:

121. Gusana, gutunganya no kubaka imihanda mishya ku buryo burambye: by'umwihariko imihanda mishya **ya kaburimbo** izubakwa ikarangizwa irimo iyi ikurikira: umuhanda **Ngoma- Bugesera-Nyanza**, umuhanda **Ntendezi-Karongi-Rubavu** n'umuhanda **Base-Gicumbi-Nyagatare (+ 400 Kms)**;

Imihanda ya **kaburimbo izasanwa** izabamo iyi ikurikira: umuhanda **Kigali-Gatuna**, umuhanda **Rusizi-Ntendezi-Nyamagabe-Huye**, umuhanda **Rusumo-Kayonza**, umuhanda **Kayonza-Kagitumba,** umuhanda **Muhanga-Karongi**;

122. Hazasanwa kandi hubakwe imihanda y'ibitaka y'ubuhahirane mu Ntara n' Uturere dutandukanye;

123. Mu Mujyi wa KIGALI hazubakwa **km 106** z'imihanda ya Kaburimbo, n'iy'amabuye na **km 100** mu yindi mijyi; Imihanda y'ingenzi yose yubakwa n'isanwa ya kaburimbo n'iy'ibitaka n'ibiraro, igipimo cyo kuyifata neza (maintenance) kizava kuri 39% kigere ku 100%;

124. Kubaka umuhanda wa gari ya moshi **Isaka-KIGALI (494 Kms)**;

125. Kubaka ikibuga **cy'indege mpuzamahanga cya Bugesera** no gukora imirimo yo kwagura ibibuga by'indege bya **Rubavu na Kamembe**, hanavugururwe **ikibuga mpuzamahanga cya KIGALI**;

126. Guteza imbere ubwikorezi bwo mu mazi cyane cyane mu kiyaga cya Kivu, hubakwa ibyambu bya kijyambere **Rubavu, Karongi** na **Rusizi**;

127. Inganda zitanga amashanyarazi zikurikira zizubakwa: urugomero rwa **Nyabarongo (28 MW)**, urugomero rwa **Rusizi III (48 MW)**, **ingomero nto hirya no hino mu Turere (20 MW)**. Hazubakwa kandi izindi nganda zibyaza **ingufu gazi metani** (**150 MW**), hazubakwa kandi inganda z'amashanyarazi aturuka ku mashyuza (**10 MW**) ; Hazashyirwaho inganda zitunganya nyiramugengeri zifite ubushobozi bwa **200 MW.**

Mu cyaro by'umwihariko, hazakorwa imishinga ibyara ingufu zituruka ku **mirasire y'izuba**, **ku muyaga, biyogazi**, n'andi masoko y'ingufu, ibi bikazatuma ingufu dufite ziyongera kuva kuri **85 MW** zikagera kuri **1000 MW** muri 2017; umubare w'**abanyarwanda bakoresha amashanyarazi** bazava kuri **10%** bagere kuri **70%;**

128. Hazubakwa kandi imiyoboro y'**amashanyarazi iduhuza n'ibihugu duturanye** (interconnections) bizafasha ubuhahirane bw' amashanyarazi n' ibindi bihugu;

129. Mu rwego rwo kurengera ibidukikije, umubare w' abakoresha inkwi, ibyatsi n' amakara uzagabanuka

hakoreshwe ibicanwa bigezweho nka **gazi zo mu macupa (LPGs), Nyiramugengeri, biyogazi n' ibindi bisimbura inkwi;** Hazitabwaho kandi gahunda yo gukoresha ingufu zisubira kandi zidahumanya ikirere; Gahunda yo kubungabunga no kuzigama ingufu hakoreshwa urumuri rurondereza n'amaziko arondereza **izadufasha kuzigama ingufu**, bikazatuma ingufu zikomoka ku bimera (biomass) zikoreshwa ubu zigabanuka **zikava kuri 85 % zikagera kuri 55 %**;

130. Mu rwego rwo kongera ibikomoka kuri peteroli no kugabanya ikiguzi cyabyo, hazubakwa uruganda rutanga **peteroli ituruka ku bimera** (biofuel) ndetse n'umushinga wo kubyaza gazi metani peteroli uzatangira; Ibigega bibika ibikomoka kuri peteroli biziyongera bigire ubushobozi bwo kuba abanyarwanda **babikoresha byibura amezi ane igihe** habaye ikibazo cy'ibura ry'ibikomoka kuri Peteroli;

131. Kongerera ubushobozi ibigo bikora ubushakashatsi kuri **peteroli na mazutu ikomoka ku bihingwa**; no gushishikariza **Abikorera gushora imali** mu bushakashatsi bumaze gushyirwa ahagaragara;

132. Mu rwego rw'amazi n'isukura: **umubare w'Abanyarwanda bakoresha amazi meza uzagera kuri 100 %**. By'umwihariko, isoko ya Mutobo izatunganywa mu rwego rwo kugeza amazi meza ahagije mu Mujyi wa Kigali. Abafite ibikorwa by'isukura bikozwe neza **bazava kuri 45 % bagere ku 100 %** muri 2017;

133. Gufata neza umutungo wa Leta muri rusange;

134. Kongerera ubushobozi **Serivisi y'Igihugu y'Iteganyagihe** igahabwa abakozi bafite ubushobozi, ibikoresho bigezweho kandi bikoresha ikoranabuhanga kugira ngo ishobore **gufasha Abanyarwanda b'ingeri** zitandukanye mu mirimo yabo ya buri munsi cyane cyane abakora imirimo y'ubuhinzi;

135. Kongera ubushobozi mu nzego-sectors zitandukanye (amazi, isuku n'isukura, ubwikorezi, ingufu, gazi, imitunganyirize y'imijyi, n'ibindi).

POROGARAMU YA 4: IMITURIRE MYIZA

Guverinoma izakomeza gufasha abanyarwanda gutura neza kandi heza. Izibanda cyane cyane kuri ibi bikurikira:

136. Kugira ibishushanyo mbonera ngenderwaho **mu Gihugu hose** kandi **inyubako zose** zigakurikiza amategeko agenga imyubakire ijyanye n'igihe;

137. Guteganya mu myubakire y'amazu uburyo bworohereza **ababana n'ubumuga n'abageze mu zabukuru kugera aho bifuza**; Amazu yose aganwa na benshi akaba afi te imyubakire yorohereza abafi te ubumuga;

138. Gushyira mu bikorwa politiki y'imiturire mu midugudu no mu mijyi;

139. Gukomeza gutuza mu midugudu abaturage bari mu cyaro igipimo kikava kuri **51.6%** kikagera **nibura kuri 70%** naho **30% batuye mu mijyi** mu mwaka wa **2017**;

140. Gushyiraho uburyo bworoshye bwo kubona **ibikoresho by'ubwubatsi bidahenze** kandi **bitangiza ibidukikije**;

141. Gukangurira abashoramari **kubaka amacumbi acirirtse**

Abanyarwanda benshi bashobora kwirihira;

142. Kongera ingufu mu gushyira ibikorwa remezo **ahateganyijwe kubakwa imidugudu**;

143. **Guca nyakatsi burundu n'izindi nyubako zitujuje ibyangombwa by'ibanze**.

POROGARAMU YA 5: ITERAMBERE RY'ABIKORERA, AMAKOPERATIVE N'ISHORAMARI

Guverinoma izi neza ko **urwego rw'Abikorera** rufite ingufu rugira uruhare runini mu iterambere ry'Igihugu, kimwe no **gukorera hamwe** no **gushora imari** akaba ari byo bizafasha u RWANDA mu kugera ku ntego z'icyerekezo 2020.

Ibizakorwa:

144. Gushishikariza abikorera b'Abanyarwanda **gufatanya n'abandi**, baba abo mu Gihugu n'abo hanze, bahererekanya amakuru no gushyiraho ingamba zituma **abikorera bo mu RWANDA bagira uruhare** muri gahunda zo kurengera ibidukikije, ubushakashatsi n'ikoranabuhanga **bigamije kunoza** ibyo bakora;

145. Gushyiraho uburyo buhoraho bwerekana uko **imirimo mishya ihangwa n'abikorera igenda yiyongera** mu gihugu hagamijwe ko umubare w'abadafite umurimo wazajya nibura munsi ya **5%** ;

146. Gushyiraho uburyo bunoze **bw'imenyekanishamakuru ku bicuruzwa** byo mu Gihugu, havugururwa uburyo bwo kumenyekanisha ibiciro by'imyaka n'iby'ibindi bicuruzwa ku masoko "e-soko";

147. Gukomeza ingamba zo koroshya ubucuruzi n'ishoramari mu RWANDA, **u RWANDA rukaba mu bihugu 30 bya**

mbere ku Isi ruvuye ku mwanya wa 45 na **kimwe muri bitatu bya mbere muri Afurika** mu rwego rwa Doing Business;

148. Hazongerwa ingamba zituma amabanki yo mu Gihugu arushaho **gutanga serivisi nziza** ku bayagana, uburyo bwo **kwishyurana imbere mu gihugu no hanze** burusheho kunozwa hakurikijwe ibipimo ngenderwaho mpuzamahanga;

149. Kongerera ubushobozi **Ibigo by'imari icirirtse** (Micro Finance, Umurenge SACCO, Umwarimu SACCO, COOJAD, n'ibindi biriho mu gihugu) no kuvugurura imikorere yabyo kugirango bibashe kuzamura ishoramari n'iterambere mu cyaro;

150. Gushyiraho uburyo bwo **korohereza abashoramari kubona inguzanyo** cyane cyane abari mu rwego rw'inganda nto n'iziciriritse no kubashishikariza kwitabira inzego z'imirimo nshya (virgin sectors) bahanga udushya mu bikorwa bibyara inyungu;

151. Gukora ku buryo **nibura 80%** by'abaturage bakorana n'ibigo by'imari kandi inguzanyo ku bikorera **ikagera nibura kuri 27% by'umusaruro w'imbere mu gihugu (GDP);**

152. Gutangiza ibikorwa by'Ikigo Mpuzamahanga Nkemurampaka cya KIGALI (KIGALI International Arbitration Centre);

153. Gukomeza kwigisha abari mu **mashyirahamwe yongera umusaruro**, bakorera mu makoperative, ababishoboye bagakorera muri sosiyete **z'ubucuruzi n'ishoramari**,

Amakoperative agera kuri **3,500** azakurikiranwa, yongererwe ubushobozi ku buryo azashobora gushora imali ingana **nibura na Miliyari 15** mu bikorwa bibyara inyungu;

154. Gukomeza gahunda yo kubumbira abikorera mu makoperative **mu mahuriro n'ingaga hakurikijwe ibyo bakora** (filières/sector) banakangurirwa guhatana kujyana umusaruro wabo n'imirimo (products & services) ku masoko yo mu gihugu n'amasoko mpuzamahanga;

155. Gushyiraho gahunda ihoraho kandi inoze yo **kugenzura imikorere n'imicungire y'umutungo w'amakoperative** (Cooperative Audit System), na gahunda zo gutoza no gutegura abakozi bo mu myuga itandukanye; hagamijwe gukuraho uburiganya n'igihombo mu makoperative;

POROGARAMU YA 6: AMASHYAMBA, IBIDUKIKIJE N'UMUTUNGO KAMERE

Guverinoma izi ko ubutaka ari **umutungo ukomeye abanyarwanda bariho ubu bagomba kubyaza neza umusaruro**, barushaho kuwubungabunga, bityo bakazawuraga abazabakomokaho uruta uko bawusanze. Iyi ni yo mpamvu ituma **ubutaka n'ibindi biburiho n'ibiburimo bigomba** gucungwa neza buri gihe na buri muturarwanda hagamijwe iterambere rirambye (sustainable development). **Ibizakorwa :**

a) Gufata neza ubutaka

156. Gushyira mu bikorwa **igishushanyombonera cy'imitunganyirize n'imikoreshereze** y'ubutaka mu

gihugu hose n'ibishushanyombonera by'imikoreshereze y'ubutaka mu Turere, aribyo bizatuma ubutaka mu mijyi no mu cyaro bikorwa neza kandi bukabyazwa umusaruro;

157. Gukomeza kurwanya isuri ku misozi ihanamye ku kigero cya **100%**;

158. Kwihutisha igikorwa cyo **gutanga ibyemezo by'umutungo w'ubutaka** kugira ngo byifashishwe mu kongera ishoramari n'ubucuruzi, bikaba byarangiye **muri Kamena 2012**.

b) Amashyamba:

159. Gukomeza gutera amashyamba ahaberanye nayo hose ku buryo mu gihe kitarenze imyaka 3 **nibura 30% by'ubuso bw'Igihugu buzaba buteyeho amashyamba**.

160. Gutera ibiti ku nkengero z'imihanda ndetse n'ibiyaga aho bishoboka hose.

161. Kurinda no gukorera neza amashyamba ya kimeza n'amaterano yaba aya Leta n'ay'abaturage, ku buryo nibura 80% by'ibiti bitewe bikura neza.

162. Guteza imbere ikoranabuhanga n'ishoramari mu nganda zitunganya ibikomoka ku mashyamba.

163. Gushakira abaturage ingemwe z'ibiti z'ubwoko bunyuranye hakurikijwe aho zigenewe guterwa.

c) Kwita ku bidukikije

164. Kongera ubushobozi bwo kwimenyera **imihindagurikire y'ibihe**, gukangurira abanyarwanda inkomoko

n'ingaruka y'imihindagurikire y'ibihe no gushyira mu bikorwa imishinga n'ingamba zo guhangana n'ihindagurika ry'ibihe (National Strategy on Climate change and Low Carbon Development projects);

165. Gushyiraho ikigega cyo kurengera ibidukikije;

166. Gutegura gahunda n'ingamba zo gusana **ibyogogo n'amataba** byangiritse cyane (Strategic Plan for the rehabilitation of critically degraded eco systems and watersheds);

167. Kwinjiza gahunda zo kurengera ibidukikje **mu nzego zose z'imirimo**.

d) Umutungo Kamere

168. Kongerera ubushobozi Urwego rushinzwe ibijyanye na Mine na Jewoloji kugira ngo **hongerwe agaciro** k'ibikomoka kuri mine na kariyeri;

169. Gukomeza ubushakashatsi bugamije **kumenya umutungo kamere** w'Igihugu ujyanye n'amabuye y'agaciro nka Zahabu, Nickel, Copper, Platinium, Gasegereti, Wolufuramu, Coluta n'ayandi. Umusaruro ukomoka ku mabuye y'agaciro **uzikuba nibura gatatu,** woherezwe ku isoko wongerewe agaciro; kandi ube muri bibiri bya mbere byinjiriza Igihugu amadevize.

170. Kurangiza vuba ubushakashatsi bwa peteroli bwatangiye.

POROGARAMU YA 7: IKORANABUHANGA MU ITANGAZAMAKURU, ITUMANAHO N'ISAKAZABUMENYI

Guverinoma izirikana iteka ko iterambere ry'u RWANDA rishingiye ku Benegihugu bafite **ubuhanga n'ubumenyi kandi bakoresha ikoranabuhanga** kugira ngo barusheho kunoza no kwihutisha akazi no gutanga umusaruro.

Muri urwo rwego, Guverinoma izakomeza kwita ku **gukwirakwiza ibikorwaremezo** bisakaza ikoranabuhanga kugira ngo ryegere abaturarwanda. Niyo mpamvu Guverinoma izibanda kuri ibi bikurikira:

171. Gukwirakwiza ikoranabuhanga mu itangazamakuru, itumanaho n'isakazabumenyi rigakoreshwa n'**abanyarwanda nibura 40%** ;

172. Kurangiza ikwirakwizwa rya *Fibre Optic Cables* **mu Gihugu hose** ;

173. Gukoresha *KIGALI Metropolitan Network* mu ihanahana ry'amakuru "data transmission";

174. Guha ingufu Ihuriro ry'Igihugu **ry'Ihanahana ry'Amakuru** *National Data Center* igafasha inzego za Leta kubona aho zibika amakuru "*data*";

175. Gushishikariza amasosiyeti azobereye mu by'itumanaho kuza gukorera mu RWANDA;

176. Kurangiza ibikorwa by'umushinga wa Kalisimbi no kuwubyaza umusaruro;

177. Gukomeza **gushyigikira imishinga yatangijwe** mu rwego rw'ikoranabuhanga mu itangazamakuru, itumanaho n'isakazabumenyi no **kuyirangiza igatangira kubyazwa umusaruro**;

178. Kongera umubare w'Abanyarwanda b'inzobere mu by'ikoranabuhanga mu itumanaho, u RWANDA rugatangira kugira **ibihangano mu ikoranabuhanga rushora** ku isoko mpuzamahanga (*development of software and hardware industry*).

Iterambere ry'ubukungu rigira ingaruka nziza ku Mibereho Myiza y'Abaturage, ndetse n'Imiyoborere Myiza, n'Ubutabera, byose birengera kandi byita, ku nyungu n'uburenganzira bwabo, biha icyerekezo, icyizere n'imbaraga mu mibereho yabo ya buri munsi.

INKINGI YA 4:
IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE

INTEGO:

KUGIRA UMUNYARWANDA UFITE UBUMENYI, UBWENGE, UBUZIMA BUZIRA UMUZE, UMEREWE NEZA (SKILLED, KNOWLEDGEABLE, HEALTHY AND WEALTHY CITIZEN).

IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE

Guverinoma yemera ko umuturage ari we shingiro ry'ibikorwa byose mu Gihugu; ni we biturukaho, kandi bigamije imibereho myiza ye. Ibi bigaragazwa n'uko umurimo uboneka ku bashoboye gukora, abaturage bakagira ubuzima bwiza, uburezi, imikino n'imyidagaduro, bikagera kuri benshi, ubwiteganyirize bukagera kuri bose, abatishoboye bakitabwaho kandi bagafashwa kwifasha. Umuco kandi ukaranga umwimerere nyarwanda (National Identity). Izo ni zo porogaramu zizitabwaho mu mibereho myiza y'abaturage. Intego ikaba ari ukugira umunyarwanda ufite UBUMENYI, UBWENGE, UBUZIMA buzira umuze, umerewe neza (skilled, knowledgeable, healthy and wealthy citizen).

POROGARAMU YA 1: GUTEZA IMBERE UMURIMO

Guverinoma izakomeza guharanira ko Abanyarwanda **babona imirimo**, bakayikora neza, **ikabatunga** kandi igateza imbere Igihugu. Ibi bisaba ko Abanyarwanda **bongererwa ubuhanga n'ubushobozi**, kugira ngo bashobore kurushanwa ku isoko ry'umurimo mu gihugu, mu karere ndetse no ku Isi. Ni ngombwa rero ko Abanyarwanda barangwa n'umuco wo **kwihangira imirimo**, bakaba ba Rwiyemezamirimo basobanukiwe kandi bashoboye gukora umurimo unoze kandi wihuse.

Ibizakorwa:

179. Gukomeza gukangurira Abanyarwanda umuco wo **gukora umurimo unoze kandi wihuse**, kubaka ubushobozi bw'abakozi no guha imbaraga ishami rishinzwe gukusanya amakuru ku murimo;

180. Gushyiraho uburyo buboneye bw'imenyerezamurimo (internship);

181. Kuvugurura umushahara shingiro (SMIG) **ukajyana n'ibiciro biri ku masoko**;

182. Gushyigikira **amashyirahamwe y'abahuje** umwuga bashishikarizwa umuco wo guhiganwa n'abandi ku isoko ry'umurimo (competitivity culture);

183. Gushyiraho ingamba zituma abakozi ba Leta **batareshywa** no gushaka imirimo ahandi (retention policy); kandi uburyo bushyashya bw'imicungire y'abakozi muri serivisi za Leta (IPPS-Integrated Public Payroll System) bugakwirakwizwa **mu nzego zose za Leta**;

184. Gufasha amashuri makuru n'ay'imyuga kwigisha **ibijyanye no kwihangira umurimo** n'ubumenyi bukenewe ku isoko ry'umurimo.

185. Kunoza uburyo bw'imitangire y'akazi no guha imbaraga Komisiyo Ishinzwe Abakozi ba Leta (Public Service Commission), **igipimo cyo kwishimira imitangire y'akazi mu nzego za Leta mu Rwanda kikagera nibura kuri 80%.**

POROGARAMU YA 2: UBUZIMA N'UBWIYONGERE BW'ABATURAGE

Guverinoma izakomeza kugeza ku baturarwanda **ibyangombwa bibafasha** kugira ubuzima bwiza. Izakomeza kubakangurira ibijyanye n'ingaruka **z'umuvuduko mu bwiyongere bw'abaturage,** inabasaba kwitabira gahunda zo kuboneza urubyaro, ubuzima bw'imyororokere, kwirinda indwara z'ibyorezo harimo Malaria na Virusi itera SIDA. Guverinoma kandi izakomeza gushishikariza abaturage **kugira imirire myiza**, gukoresha amazi meza no kugira isuku muri rusange ku buryo icyizere cyo kubaho ku muturage kigera **ku myaka 58**. Guverinoma izita cyane cyane kuri ibi bikurikira:

186. Gukomeza kunoza serivisi zitangirwa kwa muganga;

187. Kunoza imikorere ya gahunda y'ubwishingizi n'ubwisungane mu kwivuza ku buryo abanyarwanda bitabira ku kigereranyo **kitari munsi ya 95%**;

188. Gukomeza kubaka ibindi **bitaro n'ibigo** nderabuzima, gufata neza no gusana **ibisanzwe**, kubyongerera ubushobozi bihabwa imiti n'ibikoresho no kongera umubare w'abakozi bo mu buvuzi ku buryo haboneka **umuganga 1** ku **baturage 10,000** (tuvuye kuri **18.000**) n' **umuforomo 1** ku **baturage 1,000 (tuvuye kuri 1.500)**;

189. Kugabanya umubare w'ababyeyi bapfa babyara ukajya **munsi ya 200/100,000** n'abana bapfa bari munsi y'umwaka umwe bakajya **munsi ya 30/1,000**, naho **munsi y'imyaka 5** bakajya **munsi ya 50/1,000** hibandwa ku **kwisuzumisha no mu kubyarira kwa muganga**,

kwirinda gusama inda zitateganijwe hamwe no kwita ku mirire myiza y'ababyeyi n'abana;

190. Gushishikariza abagore batwite kubyarira kwa muganga bakagera **nibura ku gipimo cya 95%**;

191. Kongera no kwegereza abaturage serivisi zinoze, zikagera ku rwego rw'umudugudu hakoreshejwe **Abajyanama b'Ubuzima** hose mu gihugu ku buryo **nibura abagore 90% bari hagati y'imyaka 15 na 49 bakoresha uburyo bwa kijyambere** (use of contraceptives) **bwo kuboneza urubyaro ndetse n'abagabo** ;

192. Kongera ingufu mu kurwanya indwara z'ibyorezo: imfu zikomoka kuri malariya **zikagabanuka kugera munsi ya 5%**, kwirinda kwandura agakoko gatera SIDA ku bagore batwite hakoreshejwe gahunda ya PMTCT (Prevention of Mother to Child Transmission) kandi ibikorwa byo kurwanya SIDA bikinjizwa mu nzego zose z'imirimo;

193. Guca burundu indwara **ziterwa n'imirire mibi** hakoreshejwe Gahunda zitandukanye nka **Girinka** Munyarwanda, **Akarima k'igikoni, inkongoro y'amata** kuri buri mwana, **ifunguro ku ishuri**, n'izindi;

194. Gushyira imbaraga mu guteza imbere **isuku ku biribwa, ku mubiri, imyambaro, mu ngo, amashuri, ibitaro, imihanda, n'ahandi, isuku n'isukura bikaba ihame**;

195. Gushyira ingufu mu kwirinda no kuvura indwara zidakira (chronic deseases).

POROGARAMU YA 3: UBWITEGANYIRIZE

Guverinoma izakomeza kugeza ku baturarwanda ubwiteganyirize butandukanye kuko ari **imwe mu nkingi z'iterambere n'inzira yo kurwanya ubukene**, ubusumbane no kubahiriza uburenganzira bwa muntu.

Muri urwo rwego Guverinoma izihatira :

196. Kwihutisha ishyirwa mu bikorwa rya politiki y'ubwiteganyirize;

197. Guharanira ko **abagiye mu kiruhuko cy'izabukuru** n'imiryango yabo (*Retirees*) bagumana ubwishingizi bw'indwara bari bafi te;

198. Gushyiraho uburyo bw'**ubwishingizi ku bagore babyaye** mu rwego rwo gushyira mu bikorwa amategeko agenga umurimo.

POROGARAMU YA 4: KURENGERA ABATISHOBOYE

Guverinoma izakomeza guharanira ko **abatishoboye bitabwaho**, bagahabwa amahirwe yo kubaho nk'abandi baturarwanda, aho bishoboka bagahabwa **ubushobozi bwo kugira icyo bimarira**. Muri urwo rwego Guverinoma izakora ibikurikira:

199. Gukomeza gushyigikira gahunda ya VUP-Umurenge n'izindi gahunda zigamije gufasha **abatishoboye kwikura mu bukene** bityo umubare w'Abanyarwanda batunzwe no **munsi y'idolari rimwe** ku munsi (1US dollar/day) **bakajya munsi ya 20% y'abaturage b'u RWANDA**;

200. Guha ubushobozi Inama y'Igihugu **y'ababana n'ubumuga** no kuyiha uburyo bwo gusohoza inshingano zayo;

201. Guha ubushobozi Ikigega cya Leta kigenewe gufasha Abacitse ku icumu rya Jenoside batishoboye "FARG" kugira ngo kirusheho kurangiza inshingano zacyo;

202. Gukomeza gufasha abashigajwe inyuma n'amateka kugira imibereho myiza;

203. Gukomeza kubaka no gushyigikira ibigo bikora **insimburangingo n'inyunganirangingo**;

204. Guteza imbere ubufatanye hagati y'amashyirahamwe y'ababana n'ubumuga bo mu RWANDA n'abo ku rwego mpuzamahanga;

205. **Gukemura burundu ikibazo cy'amacumbi y'imiryango itishoboye**;

206. Gushyiraho **gahunda n'ingamba byo gukumira no kurwanya ubuzererezi no kurushaho kwita ku bana b'imfubyi, abirera n'abandi bafite ibibazo**;

207. Gushyiraho gahunda n'ingamba zihamye byo gufasha abageze mu zabukuru batishoboye.

POROGARAMU YA 5: IMIKINO N'IMYIDAGADURO

Guverinoma izakomeza guteza imbere imikino n'imyidagaduro no gushyigikira ko u RWANDA rurushaho kugira uruhare mu mikino mpuzamahanga.

Muri urwo rwego, Guverinoma izita kuri ibi bikurikira:

208. Kugira amakipe akomeye mu mikino itandukanye ahagararira u Rwanda mu marushanwa mpuzamahanga; mu mupira w'amaguru (football) kuba mu icumi ba mbere muri Afurika, mu mupira w'amaboko (basketball, volleyball) kuba muri batatu ba mbere muri Afurika;

209. Kubaka Sitade nshya y'umupira w'amaguru yo ku rwego rw'Igihugu ifite ubushobozi bwo kwakira nibura abantu 60,000; sitade itwikiriye y'imikino y'amaboko, kubaka **Village Olympique i Nyanza,** nkwagura no kubaka sitade hirya no hino mu gihugu no gushyiraho **ibibuga n'ibigo** byo kwitorezamo mu Turere dutandukanye;

210. Gukomeza gushishikariza **inzego z'ibanze**, guha agaciro imikino n'imyidagaduro no kongera ingengo y'imari ibigenewe;

211. Gushishikariza abashoramari kugira ubufatanye na Leta mu guteza imbere imikino n'imyidagaduro bashinga **amashuri ya siporo n'imikino;**

212. Guhugura abakozi bakora imirimo ifasha mu mikino n'imyidagaduro (ubuvuzi, umutekano, itangazamakuru n'ibindi);

213. Gukomeza guteza imbere **siporo y'ibyiciro byihariye** kandi hakongerwa abatoza babifiye ubumenyi n'ubushobozi;

214. Guteza imbere gahunda yo gushyira **abana bafite ubuhanga bwihariye mu mikino, mu bigo by'amashuri bifite ubushobozi n'uburyo bwo guteza imbere impano bafite** muri iyo mikino kandi Leta ikabafasha kubakurikirana (Sport Etude); Hazubakwa ishuri rimwe

ry'intangarugero muri buri Ntara ryigisha imikino.

215. Kubaka ibigo by'imyidagaduro n'ibitaramo.

216. Gufasha amashyirahanwe y'imikino itandukanye gukora neza no guteza imbere imikino yashyiriweho.

POROGARAMU YA 6: UBUREZI, UBUSHAKASHATSI N'IKORANABUHANGA

Guverinoma izakomeza guteza imbere uburezi burangwa **n'inyigisho n'imyigishirize bifite ireme**. Uburezi bucengeza **indangagaciro nyarwanda**, umuco w'amahoro no kwiha agaciro kandi bwubahiriza uburenganzira bwa muntu no gukunda Igihugu.

Guverinoma izakomeza kwita ku nyigisho z'ubumenyi n'ubumenyingiro, ikoranabuhanga n'iz'imyuga hagamijwe ko, by'umwihariko, abazirangije baba bafite **ubushobozi bwo kwibeshaho, kwihangira imirimo no kongera agaciro** k'ibyo bakora ku masoko yo mu RWANDA cyangwa yo mu mahanga. Ni yo mpamvu Guverinoma izakora ibi bikurikira:

217. Kuzamura **ireme** ry'uburezi ku nzego zose z'imyigishirize by'umwihariko mu mashuri makuru na kaminuza;

218. Gukomeza kunoza ishyirwa mu bikorwa rya gahunda **y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka 9** (amashuli atandatu abanza n'atatu yisumbuye);

219. Gukomeza gahunda yo kuvana **uburezi bw'ibanze ku myaka 9 bukagera ku myaka 12** (amashuri atandatu abanza n'atandatu yisumbuye) hibandwa by'umwihariko

ku guteza imbere **amashuri y'imyuga**;

220. Kunoza imyigire n'imyigishirize y'umuco n'indimi by'umwihariko ururimi rw'icyongereza;

221. Kwigisha **ururimi rw'Igiswahili** kugira ngo Abanyarwanda bashobore **gushyikirana n'abandi baturage** b'Ibihugu bya EAC cyane abaturage bo ku byambu aho u RWANDA rucisha ibicuruzwa biva cyangwa bijya mu mahanga;

222. Gukomeza gahunda yo kwigisha gusoma, kwandika no kubara ku **bantu bakuru** batabonye amahirwe yo kwiga cyangwa **urubyiruko rwacikirije** amashuri ku buryo muri 2017 **abanyarwanda barengeje imyaka 10 bazi gusoma no kwandika bazaba barenze 90%**;

223. Gushyiraho ishami mu Ishuri Rikuru Nderabarezi KIE no muri za TTCs ryigisha **kwigisha mu mashuri y'incuke** n'ay'ababana n'ubumuga kandi **kuri buri Kagari** hakaba **ishuri ry'incuke ry'icyitegererezo,** n'ishuri ry'incuke kuri buri Mudugudu.

224. Kwita ku burezi bw'abana bafite ubumuga bwihariye (special needs), **nibura 80% bakabona ubufasha bukenewe.**

225. Kwihatira kugera ku **burezi budaheza** hongerwa amashuri afite ubushobozi bwo kwigisha abantu babana n'ubumuga;

226. Kongerera amashuri abanza n'ayisumbuye abarimu bafite ubushobozi bwo kwigisha **bakagera kuri 95%;**

227. Gukomeza guteza imbere **imibereho myiza y'abarimu** no kubongerera ubushobozi binyuze mu kugena uburyo

bunyuranye bwo **kumubonera agahimbazamusyi '*incentives*'**;

228. Kongera **amashuri y'imyuga** (Techinical and Vocational Educational Training) **buri Karere** kakagira **nibura amashuli 3** kandi inyigisho zitangwa zigahuzwa n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo;

229. Kongerera Amashuri Makuru na Kaminuza **abarimu no kubaha ubushobozi bwo kwigisha no gutanga impamyabumenyi z'icyiciro cya gatatu n'iz'ikirenga** (Masters na PhD); no gukora ubushakashatsi mu bumenyi bunyuranye hashyirwaho by'umwihariko **ikigega cy'ubushakashatsi**;

230. Kwiga uburyo Kaminuza za Leta zahurizwa muri Kaminuza imwe y'Igihugu kugira ngo imikorere yazo irusheho kugenda neza n'ireme ry'uburezi ryitabweho.

231. Gukangurira inganda n'ibindi bigo by'abikorera gukora ubushakashatsi (Research and Development);

232. Gukomeza guteza imbere **inyigisho z'ubumenyi n'ikoranabuhanga** mu mashuri no kuyashakira ibikoresho harimo ibitabo, ibikoresho bya laboratwari, za mudasobwa, n'ibindi; By'umwihariko gushyiraho nibura **amashuri abiri yisumbuye y'icyitegererezo** (Secondary schools of Excellence in Science) **muri buri Karere**;

233. Gukangurira abakobwa kwitabira inyigisho z'Ubumenyi n'ikoranabuhanga, n'imyuga ku buryo muri 2017 abakobwa bakurikira ayo masomo bazaba **nibura ari 45% mu mashuri yisumbuye na 35% mu mashuri makuru**;

234. Gukomeza gahunda ya Mudasobwa ku mwana-One

Laptop Per Child no kuyigeza **mu mashuri yo mu cyaro**;

235. Gushishikariza ababyeyi kugira uruhare mu burezi bw'abana babo hifashishijwe amashyirahamwe ahuza abarezi n'ababyeyi "*Parents and Teachers Associations*" (PTA).

236. Kuvugurura uburyo bw'imyigishirize hakoreshejwe ikoranabuhanga. 30% by'amasomo mu mashuri yisumbuye na 50% mu mashuri makuru na kaminuza agatangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga (Open distance and E-learning).

POROGARAMU YA 7: UMUCO

Guverinoma izakomeza guhesha agaciro umuco nyarwanda, **indangagaciro zawo zibe umusemburo w'iterambere**. Kugira ngo ibyo bigerweho, Guverinoma izita kuri ibi bikurikira:

237. Guteza imbere umuco w'u RWANDA, cyane cyane binyuze mu rwego rw'uburezi n'Itorero;

238. Gushyiraho ikigo cya Leta "RALAC" **Inteko y'Ururimi n'Umuco**, no gushyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe **Intwari z'Igihugu**, impeta n'imidari by'ishimwe;

239. Gushyiraho ingamba zifatika zo guteza imbere **ibigo ndangamuco na ndangamateka** ndetse n'ubukerarugendo bubishingiyeho;

240. Kurengera no guteza imbere umuco w'u RWANDA mu bitangazamakuru bikoresha inyandiko, amajwi n'amashusho;

241. Kurangiza kubaka **ishyinguranyandiko n'inkoranyabitabo** n'inzu ndangamuco by'Igihugu;

242. Kwinjiza muri za Kaminuza n'Amashuri Makuru gahunda zigisha zikanakora ubushakashatsi ku **byerekeye umuco, ururimi rw'Ikinyarwanda, ubuhanzi na muzika**.

UMWANZURO

Tuzashimangira gahunda nziza zashyizweho n'ibikorwa byagezweho kuva aho habereyo impinduka mu buyobozi bw'Igihugu izanywe n'Umuryango wa FPR-Inkotanyi.

Gahunda tumaze kubagezaho ikubiyemo bimwe mu bikorwa by'ingenzi Guverinoma yiyemeje kuzakora muri iyi manda y'imyaka 7.

By'umwihariko, nka Minisitiri w'Intebe, mu rwego rwo kwihutisha iterambere ry'u Rwanda nzakurikiranira hafi ishyirwa mu bikorwa ry'izi gahunda zikurikira:

1. Guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi bikagira uruhare rukomeye mu bukungu n'iterambere ry'Igihugu;
2. Kongera ingufu z'amashanyarazi no kuzikwirakwiza mu batuye u Rwanda no kwita mu kongera ibikorwa remezo no kubifata neza;
3. Guteza imbere ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro no kuyabyaza umusaruro;
4. Guteza imbere ibigo bito n'ibiciriritse by'ubucuruzi n'ishoramari;
5. Guteza imbere Ikoranabuhanga mu itumanaho (ICT) n'itangazamakuru mu buzima rusange;
6. Kongerera ubushobozi urubyiruko n'abagore kugira ngo bashobore kwiteza imbere;
7. Guteza imbere ireme ry'uburezi mu nzego zose z'uburezi

harimo amashuri makuru na kaminuza;

8. Guteza imbere umuryango ukaba ishingiro ry'iterambere ry'u Rwanda.

Intego zikubiye muri iyi gahunda zose zigamije kugabanya icyuho kigaragara hagati y'ibyo u Rwanda rwohereza mu mahanga n'ibyo rutumizayo, hagamijwe guteza imbere ubukungu bw'Igihugu n'Imibereho Myiza y'Abaturage.

Iyi gahunda tubagejejeho nta gushidikanya ko isaba uruhare n'ubwitange bya buri Munyarwanda ndetse n'abandi bafatanyabikorwa bose. Bizasaba kandi ko buri rwego rukora neza inshingano zarwo rwuzuzanya n'izindi, gukora vuba kandi neza bikaba umuco.

Tuzafatanya n'inzego zose: abikorera, imiryango itari iya Leta, amashyirahamwe, amadini n'amatorero, abaterankunga n'inshuti z'u Rwanda ndetse n'abantu ku giti cyabo kugira ngo dutahirize umugozi umwe bityo tugere ku ntego zikubiye muri iyi gahunda mbere y'uko manda ya kabiri ya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika irangira. Izi ntego nituzigeraho tuzaba twihaye agaciro kandi tugahesheje Igihugu cyacu. Kandi nta gushidikanya tuzabigeraho turangajwe imbere na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame.

Murakoze Murakarama!